

AMABWIRIZA YA KOMISERI MUKURU N° 002/2020 YO KU WA 05/08/2020 YEREKEYE KWISHYURA MU BYICIRO <u>ISHAKIRO:</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo aya mabwiriza agamije <u>Ingingo ya 2:</u> Uburyo bwo kwishyura mu byiciro <u>Ingingo ya 3:</u> Ibisabwa kugira ngo hishyurwe mu byiciro <u>Ingingo ya 4:</u> Ibigize ibaruwa isaba kwishyura mu byiciro <u>Ingingo ya 5 :</u> Amasezerano yo kwishyura mu byiciro <u>Ingingo ya 6:</u> Ingaruka zo kwemererwa kwishyura mu byiciro <u>Ingingo ya 7:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza <u>Ingingo ya 8:</u> Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa	COMMISSIONER GENERAL RULES N° 002/2020 OF 05/08/2020 DETERMINING PAYMENT IN INSTALMENTS <u>TABLE OF CONTENTS:</u> <u>Article One:</u> Objective of these Rules <u>Article 2:</u> Modalities of payment in instalments <u>Article 3:</u> Conditions for instalment payment <u>Article 4:</u> Content of application letter for instalment payment <u>Article 5:</u> Agreement for instalment payment <u>Article 6:</u> Effects of instalment payment <u>Article 7:</u> Repealing provision <u>Article 8:</u> Commencement	DIRECTIVES DU COMMISSAIRE GENERAL N° 002/2020 DU 05/08/2020 DÉTERMINANT LE PAIEMENT ÉCHELONNÉ <u>TABLE DES MATIÈRES :</u> <u>Article Premier:</u> Objet de ces Directives <u>Article 2:</u> Modalités de paiement échelonné <u>Article 3:</u> Conditions de paiement échelonné <u>Article 4:</u> Contenu de la lettre de demande de paiement échelonné <u>Article 5 :</u> Convention de paiement échelonné <u>Article 6 :</u> Effets de paiement échelonné <u>Article 7:</u> Disposition abrogatoire <u>Article 8:</u> Entrée en vigueur
--	--	--

AMABWIRIZA YA KOMISERI MUKURU N° 002/2020 YO KU WA 05/08/2020 YEREKEYE KWISHYURA MU BYICIRO Komiseri Mukuru w’Ikigo cy’Imisoro n’Amahoro, Ashingiye ku Itegeko n° 026/2019 ryo ku wa 18/9/2019 rigena uburyo bw'isoresha, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 71; Ashingiye ku mabwiriza y’Inama y’Ubuyobozi y’ Ikigo cy’Imisoro n’Amahoro yo ku wa 06/07/2017 ajyanye n’imicungire y’umwenda w’imisoro y’imbere mu Gihugu; Ashyizeho amabwiriza akurikira: <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo aya mabwiriza agamije Aya mabwiriza agena uburyo n’ibyangombwa bisabwa abasaba kwishyura mu byiciro. <u>Ingingo ya 2:</u> Uburyo bwo kwishyura mu byiciro Umusoresha ashobora gusaba Komiseri Mukuru kwishyura mu byiciro mu gihe	COMMISSIONER GENERAL RULES N° 002/2020 OF 05/08/2020 DETERMINING PAYMENT IN INSTALMENTS The Commissioner General of the Rwanda Revenue Authority, Pursuant to Law n° 026/2019 of 18/9/2019 on Tax Procedures, especially in its Article 71; Pursuant to the Rwanda Revenue Authority Board decision on domestic tax debt management manual of 06/07/2017 Issues the following Rules: <u>Article One:</u> Objective of these rules These Rules determine modalities and conditions for application for payment in instalments. <u>Article 2:</u> Modalities of payment in instalments The taxpayer may apply to the Commissioner General for paying in instalments within a	DIRECTIVES DU COMMISSAIRE GENERAL N° 002/2020 DU 05/08/2020 DÉTERMINANT LE PAIEMENT ÉCHELONNÉ Commissaire Général de l’Office Rwandais des Recettes, Vu la Loi n° 026/2019 du 18/9/2019 portant Procédures Fiscales, spécialement en son article 71 ; Vu la décision du Conseil d’Administration de l’Office Rwandais des Recettes du 06/07/2017 Relative à la gestion des dettes fiscales internes ; Émet les Directives suivantes : <u>Article Premier :</u> Objet Ces Directives déterminent les modalités et les conditions d’introduction de la demande de paiement échelonné. <u>Article 2:</u> Modalités de paiement échelonné Le contribuable peut demander au Commissaire Général de payer par versements échelonnés
--	--	---

kitarenze amezi 12. Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Komiseri Mukuru ashobora kongera icyo gihe cyo kwishyura mu byiciro ho ikindi gihe kidashobora kurenga amezi makumyabiri n'ane (24) iyo hari ibimenyetso by'uko umusoreshwa afite ibibazo bikomeye by'ubukungu. <u>Ingingo ya 3: Ibisabwa kugira ngo hishyurwe mu byiciro</u> Umusoreshwa usaba kwishyura mu byiciro asabwa kuba yujuje ibikurikira : 1. ibaruwa ibisaba ishyikirizwa Komiseri Mukuru 2. kugaragaza ko yishyuye nibura 10% y'umwenda ; 3. kuba atarigeze akurikiranwaho icyaha cyo kunyereza imisoro; 4. gutanga ingwate yemewe n'Ubuyobozi bw'imisoro. Icyakora, Komiseri Mukuru ashobora kwemerera Umusoreshwa kwishyura mu	period not exceeding 12 months. Subject to the paragraph 1 of the present article, the Commissioner General may extend the period of instalment payment by another period not exceeding twenty-four (24) months based on circumstantial evidence of hardship. <u>Article 3: Conditions for instalment payment</u> The taxpayer who request for payment in instalment, must fulfil the following conditions: 1. request submitted to the Commissioner General; 2. provide a proof of payment of an amount worth at least 10% of the amount to be paid; 3. should not have implicated in tax evasion; 4. provide a guarantee acceptable to the Tax Administration. The Commissioner General may allow a taxpayer to pay in instalments without	dans un délai ne dépassant pas 12 mois. Sous réserve des dispositions de l'alinéa 1 du présent article, le Commissaire Général peut prolonger ce délai de paiement échelonné d'une période ne pouvant pas dépasser vingt-quatre (24) mois au motif des difficultés économiques majeures. <u>Article 3: Conditions de paiement échelonné</u> Le contribuable qui demande un paiement échelonné doit remplir les conditions suivantes: 1. lettre de demande adressée au Commissaire Général ; 2. fournir la preuve de paiement d'au moins 10% du montant du; 3. n'avoir jamais été impliqué dans la fraude fiscale ; 4. donner une garantie acceptée par l'Administration Fiscale. Le Commissaire Général peut autoriser au contribuable le paiement échelonné sans qu'il
--	---	--

byiciro bitabaye ngombwa ko atanga ingwate ivugwa mu gace ka kane (4^o) k'igika cya mbere cy'iyi ngingo. <u>Ingingo ya 4: Ibigize ibaruwa isaba kwishyura mu byiciro</u> Ibaruwa isaba kwishyura mu byiciro igomba kugaragaza ibi bikurikira : 1. ubwoko bw'umusoro ; 2. ingano y'umusoro ; 3. ibyiciro asaba kwishyuramo ; 4. umwaka w'isoresha ; 5. gusobanura impamvu adashobora kwishyura umusoro wose icyarimwe.	necessarily executing a guarantee provided in item four (4^o) of paragraph one of this article. <u>Article 4: Content of application letter for instalment payment</u> The application letter to pay in instalments should indicate the following elements: 1. the type of tax; 2. the tax amount; 3. the instalment payment plan requested; 4. tax period; 5. reasons for not being able to pay the whole tax due at once.	soit nécessaire de fournir une garantie prévue au point quatre (4^o) de l'alinéa premier du présent article. <u>Article 4: Contenu de la lettre de demande de paiement échelonné</u> La lettre de demande de paiement échelonné doit mentionner les éléments suivants : 1. le type d'impôt ; 2. le montant de l'impôt ; 3. les tranches proposées ; 4. l'exercice fiscal ; 5. les raisons pour lesquelles il est dans l'impossibilité de payer la totalité de l'impôt dû en une seule tranche.
<u>Ingingo ya 5: Amasezerano yo kwishyura mu byiciro</u> Iyo umusoreshwa yujuje ibisabwa byose, agirana amasezerano n'Ubuyobozi bw'Imisoro agaragaza uburyo azajya yishyura mu byiciro. Iyo umusoreshwa atubahirije ibyo asabwa, amasezerano araseswa agasabwa guhita yishyura umusoro	<u>Article 5: Agreement for instalment payment</u> After fulfilling all requirements, the taxpayer and the Tax Administration shall sign an agreement indicating the instalment payment plan. Failure to respect the payment plan by the taxpayer, the agreement must be terminated and that taxpayer is required to immediately	<u>Article 5: Convention de paiement échelonné</u> Lorsque toutes les conditions sont réunies, un contrat de paiement échelonné doit être signé entre le requérant et l'Administration Fiscale. Au cas où le requérant ne respecte pas son engagement, la convention doit être résiliée et le contribuable est tenu de s'acquitter

wose asabwa. <u>Ingingo ya 6:</u> Ingaruka zo kwemererwa kwishyura mu byiciro Umusoresha wemerewe kwishyura umusoro mu byiciro ashobora gusaba no guhabwa icyemezo cy'umwenda kimwemerera guhabwa service zisanzwe zihabwa abatarimo umwenda w'imisoro. <u>Ingingo ya 7:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi anyuranyije nayo zivanyweho. <u>Ingingo ya 8:</u> Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu yatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Kigali, ku wa 05/08/2020 (sé) BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'imisoro n'amahoro	pay the full amount of tax due. <u>Article 6:</u> Effects of instalment payment The taxpayer authorized to pay tax in instalments, may request and benefit a tax liability certificate allowing him/her to be given services regularly provided to taxpayers who do not have a tax debt. <u>Article 7:</u> Repealing provision All prior provisions Rules contrary to these Rules are hereby repealed. <u>Article 8:</u> Commencement These Rules come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. Kigali, le 05/08/2020 (sé) BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal Commissioner General of Rwanda Revenue Authority	immédiatement du paiement de la totalité de l'impôt dû. <u>Article 6 :</u> Effets de paiement échelonné Le contribuable autorisé à payer les impôts de façon échelonnée, peut demander et bénéficier une attestation de créance fiscale, lui permettant de recevoir les services régulièrement donnés aux contribuables qui n'ont pas de dette fiscale. <u>Article 7:</u> Disposition abrogatoire Toutes Directives antérieures et contraires aux présentes Directives sont abrogées. <u>Article 8:</u> Entrée en vigueur Ces Directives entrent en vigueur le jour de leur publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Kigali, le 05/08/2020 (sé) BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal Commissaire Général de l'Office Rwandais des Recettes
---	--	---